



Repubulika  
y'u Rwanda



**nISR**  
NATIONAL INSTITUTE OF  
STATISTICS OF RWANDA

# UBUSHAKASHATSI BWA GATANDATU KU MIBEREHO N'UBUZIMA

---

2019/2020

Ibipimo by'ingenzi

*Copyright © 2024 National Institute of Statistics of Rwanda (NISR). All rights reserved.*

*This report is produced by the National Institute of Statistics of Rwanda (NISR).*

*P.O Box: 6139 Kigali, Rwanda*

*Tel: +250 788 383103*

*Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)*

*Website: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw)*

*Recommended citation:*

*National Institute of Statistics of Rwanda (NISR), Ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima, 2019-2020*

## 1. Abakoze ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n’ubuzima mu mwaka wa 2019/2020

Ubushakashatsi bwakozwe n’Ikigo cy’Igihugu cy’Ibarurishamibare (NISR) gifatanije na Minisiteri y’ubuzima (MoH) n’ikigo cy’igihugu gishinzwe ubuzima (RBC) ku nkunga ya guverinoma y’u Rwanda n’abafatanyabikorwa ICF Macro ifasha mu byerekeranye na Tekinike.

## 2. Aho ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n’ubuzima bwakorewe.

Ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n’ubuzima bwakozwe mu mwaka wa 2019/2020 bwakorewe mu midugudu Magana atanu (500) yatoranyijwe mu dupande tw’ibarura (EAs) twatanzwe n’ibarura rya kane ry’abaturage n’imiturire ryo mu mwaka wa 2012. Utu dupande tw’ibarura dutoranywa mu gihugu hose, intara zose, uturere twose, hanyuma hagatoranywa udupande 388 mu bice by’icyaro ndetse n’utundi 112 mu bice by’imijyi.

Utu dupande tumaze gutoranywa, abakarani b’ibarura baja gushyira numero ku nzu zose zo muri utwo dupande, hanyuma muri buri gapande, hagatoranywamo ingo makumyabiri n’esheshatu (26HHs), bityo igiteranyo cy’ingo zose ziba zatoranyijwe zikagera ku bihumbi cumi na bitatu (13 000 HHs).

Raporo y’ubushakashatsi bwose yasohotse mu kwezi k’Ukuboza 2021 yakorewe ku ngo ibihumbi cumi na bibiri na magana cyenda na mirongo ine n’icyenda (12 949). Abagore bari ibihumbi cumi na bine na magana atandatu na mirongo itatu na bane (14,634), bafite imyaka 15 kugeza 49. Abagabo bari ibihumbi bitandatu na magana ane na mirongo irindwi n’umwe (6471) bafite imyaka 15 kugeza 59.

## 3. Intonde z’ibibazwa zakoreshejwe mu bushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n’ubuzima

Ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n’ubuzima bwa 2019/2020 bwakoresheje intonde z’ibibazwa z’ubwoko butanu.

**Intonde z’ibibazwa zigenewe urugo:** zigaragaza abatuye urugo bose ndetse n’abashyitsi, imyaka yabo, aho batuye, igitsina cyabo, irangamirere, uburezi ndetse n’amasano abantu bagiye bafitanye na Nyirurugo. Habazwa kandi ibyerekeye imibereho y’urugo nk’amazi urugo rukoresha, ubwiherero, ibyubatse n’ibisakaye inzu, ibigize inkuta, ibikoresho urugo rutunze, ibyerekeye inzitiramibu ndetse n’abafite ubumuga mu bagize urugo.

**Intonde z’ibibazwa zigenewe abagore bafite imyaka 15-49,** zibanda cyane cyane ku byerekeye imbyaro, impfu zabaye mu rugo, ibyerekeye uburumbuke no kuboneza urubyaro, gupimisha inda utwite, na nyuma yo kubyara, ibyerekeye konsa abana, imirire y’abana n’abagore, gushyingirwa no gutandukana, ubwandu bwa Virus itera SIDA, Imikurire y’abana b’incuke, ndetse n’ihohoterwa ryo mu ngo.

**Intonde z’ibibazwa zigenewe abagabo bafite imyaka 15-59,** zibanda nazo ku bibazo bisa nk’ibibazwa abagore, ukuyemo ibyerekeye imbyaro, gutwita n’ikingizwa ry’abana.

**Intonde z’ibibazwa zerekeranye n’ibipimo byo muri laboratoire**, zandikwamo ibisubizo ku bipimo by’ububure n’ibiro by’abana n’abagore, ndetse n’abagabo rimwe na rimwe iyo byafashwe.

**Intonde z’ibibazwa zigererwa abakarani b’ibarura,** zigaragaza umwirondoro w’umukarani w’ibarura; uko ibarura ryagenze mu byerekeye amakuru ye ariko ntibigaragaza umwirondoro w’ubazwa mu byerekeye ubushakashatsi.

#### 4. Uko intonde z'ibibazwa zigeragezwa mbere yo gukoreshwa mu bushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima

Iri barura ngerageza ryakozwe guhera tariki ya 29 Nyakanga kugeza ku itariki ya 14 Kanama 2019. Hatumizwa abakarani b'ibarura 20 ndetse nabandi bize ibya laboratoire 5 bagahabwa amahugurwa y'ukwezi hanyuma bagatangira ibarura gerageza.

#### 5. Amahugurwa y'abakarani b'ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima

Amahugurwa y'abakarani b'ubu bushakashatsi muri rusange yatangiye ku itariki ya 30 Nzeri ageza ku itariki ya 1 Ugushyngiro 2019. Abakarani bari 160 bose hamwe, bagiyeye bahabwa aya mahirwe hashingiwe ku bumenyi, uburambe mu kazi n'akazi bakora. Abashinzwe gufata amaraso n'ibipimo nabo bari mubahugurwa. Iyo amahugurwa arangiye, hakoreshwa ibizamini hanyuma hagatoranywa abayobora amakipe yose agiye gukorera mu gihugu.

#### 6. Ibarura nyirizina ry'ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima

Ubushakashatsi nyirizina ku mibereho n'ubuzima bwakozwe n'amakipe 17 mu gihugu hose bwatangiye ku itariki ya 9 Ugushyngiro 2019 kugeza ku itariki 20 Mata 2020, buhagaritswe n'icyorezo cya Covid 19. Nyuma yaho gato, ubushakashatsi bwarasubukwe guhera ku itariki ya 04 Kamena burangira neza ku itariki ya 20 Nyakanga 2020. Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu ngo ibihumbi cumi na bitatu n'eshanu (13005) zari zatoranyijwe; ingo ibihumbi cumi na bibiri na magana cyenda na mirongo ine n'icyenda (12949) nizo zari zituwe mu gihe cy'ibarura.

Mu bagore ibihumbi cumi na bine na magana atandatu na mirongo irindwi na batanu (14675) bagombaga kubazwa, abagera ku bihumbi cumi na bine na magana atandatu na mirongo itatu na bane (14634) basubijye ibibazwa byose neza (99.7%), naho mu bagabo bagombaga kubazwa bagera ku bihumbi bitandatu na magana atanu na mirongo ine na bane (6544), abagera ku bihumbi bitandatu na magana atanu na cumi na batatu (6513) basubijye ibibazwa byose neza (99.5%).

#### 7. Ibipimo by'ingenzi byagaragajwe n'ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima mu mwaka wa 2019-2020

##### a. Ibyerekeye imibereho yo mu ngo n'abantu bazigize

Ubushakashatsi bwagaragaje ko 32% by'ingo ziyobowe n'abagore.

Ugereranyije ingo zo mu Rwanda zigizwe n'abantu 4 muri rusange, muribo 41% bari bafite muni y'imyaka 15.

Ubwiherero cyangwa umusarani bumeze neza mu Rwanda bwari 72%.

##### Ijanisha ku ngo zifite ubwiherero




Ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje ko abanywa amazi meza mu Rwanda bari 80%, mu mijyi bayanywa ku kigero cya 96% naho mu bice by'icyaro ni 77%.

### Ijanisha ku ngo zifite amazi meza




Mu Rwanda, ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje ko 86% by'abagabo na 85% by'abagore bose bafite hagati y'imyaka 15 kugeza kuri 49 bazi gusoma, kwandika, kubara no kumva. Ntakinuranyo kinini kiri hagati y'imijyi n'ibyarwo ku byerekeranye kumenya gusoma no kwandika no kumva cg kubara.

### Ijanisha ry'abazi gusoma no kwandika no kumva cg kubara



Ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje ko abagabo cyangwa abagore bo mu ngo zikize cyangwa zifashije batunze ubwishingizi bwo kwivuza ku kigero cya 91% na 92% mu gihe ingo zikennye cyane abagabo n'abagore bafite ubwishingizi bwo kwivuza ari 67% na 63%.

### Abafite ubwishingizi bwo kwivuza, bafite hagati y'imyaka 15 na 49, hashingiwe ku byiciro by'ubudehe




Ingo zikennye

Ingo Zikize

Ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje kandi ko abagore bakoresha Interineti mu mwaka wabanjirije ubu bushakashatsi bari 12% mu gihe abagabo bayikoresheje bari 23%.

### Ijanisha ry'abakoresha murandasi mu mwaka wa 2018 bafite hagati y'imyaka 15 na 49



## b. Iyipimo byerekeye uburumbuke no kuringaniza urubyaro mu banyarwanda

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko umugore w'umutururwanda abyara imbyaro zihwanye n'abana 4 n'igice kimwe (Icyitonderwa: Igice 1 ntibisobanura ko habaho umwana w'igice, ahubwo gifite ubusobanuro mu ibarurishamibare)


## Uburumbuke mu Rwanda

Imbyaro kuri buri mugore, mu gihe cy'imyaka iatatu ibanziriza ubushakashatsi



Mu Rwanda, Intara y'iburengerazuba niyo ifite uburumbuke buri hejuru (4.5) naho umujyi wa Kigali ukagira uburumbuke bwo hasi ugereraniye n'ahandi (3.6)


## Uko uburumbuke buhagaze mu ntara zo mu Rwanda



Rwanda 4.1

Uburumbuke mu Rwanda bwagiye bugabanuka, buva kuri 6.2 muri 1992 bugera kubana 4.1 muri 2020.


## Uko uburumbuke bwagiye bugabanuka (Imbyaro ku mugore mu Rwanda mu gihe cy'imyaka iatatu ibanziriza ibarura)



Mu bindi, abagore bo mu Rwanda batangira gukora imibonano mpuzabitsina bafite imyaka 20.7 muri rusange, bagakora ishyingirwa rya mbere ku myaka 22.8 muri rusange ndetse abenshi bakaba bwa mbere ku myaka 23.


Muri ubu bushakashatsi, abagore 51% n'abagabo 52% bose bashyingiwe batangaje ko nta wundi mwana bifuza. Ariko kandi, bwagaragaje ko abakobwa/abagore bangana na 5% bari batangiye ibyo gutwita no kubyara bafite hagati y'imyaka 15 na 19.

**Uburyo bwo kuboneza urubyaro (Abagore bafite hagati y’imyaka 15 na 49)**



Ubushakashatsi bugaragaza ko 64% by’abagore bashatse mu Rwanda bakoresha uburyo bwo kuboneza urubyaro, 58% bakoresha uburyo bugezweho naho 6% bagakoresha uburyo bwa gakondo.

**Imikoreshereze y’uburyo bugezweho bwo kuboneza urubyaro kuri buri ntara**




Intara y’iburengerazuba niyo yagaragaje ibipimo byo hasi mu buryo bwo kuboneza urubyaro(54%) mugihe intara y’amajyaruguru ariyo yari ifite ibipimo biri hejuru (65%)


Uburyo bugezweho bukoreshwa ubwo aribwo bwose bwagiye bwiye buvuye kuri 13% muri 1992 bugera kuri 58% mu mwaka wa 2020, mu gihe uburyo gakondo bwagiye bugabanuka buhoro buhoro cyangwa bukaguma uko bwahozeho (8% muri 1992, bugera kuri 6% mu mwaka wa 2010, 2015 na 2020).

**c. Iyipimo byerekeye ubuzima bw’abagore n’abana muri rusange**

Hafi ya kimwe cya kabiri cy’abagore batwije basuzumishije inda inshuro 4 cyangwa zirenze mbere yo kubara. 60% bisuzumishije mu gihembwe cya 1. Nta kinyuranyo kiri hagati yo mu mujyi no mu cyaro.



Kwisumisha mu gihe umugore atwite byagiye byiyongera cyane cyane guhera mu mwaka wa 2005.




Ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje ko 93% babyariye kwa muganga, cyangwa mu ivuriro, 91% mu mavuriro ya Leta na 2% mu mavuriro yigenga. Abagore 5% babyariye mu rugo, naho 2% babyarira ahandi hantu. Mu mijyi nibo bitabira cyane kubyarira kwa muganga.

### Aho abagore babyariye (Ijanisha ry'aho abagore babyariye mu myaka itanu yabanjirije ubushakashatsi)




Kubyarira kwa muganga byagiye byiyongera guhera mu mwaka wa 2005, bikabisikana no kubyarira mu rugo byagiye bigabanuka guhera muri uwo mwaka.

### Guhindagurika mu kubyarira kwa Muganga



94% by'imbyaro zose zavutse zabyajwe n'abakozi bo kwa muganga babifitiye ububasha n'ubushobozi, mu gihe imbyaro 3% ntawigeze azibyaza usibye ba nyirazo.


### Kubyzwa n'umukazi ubifitiye ububasha



96% by'abana bafite hagati y'amezi 12 na 23 babonye inkingo zose z'ibanze mu Rwanda.




## Inkingo zose z'ibanze(hasi ziriho)



Ikingira ry'abana ryiyongereye cyane hagati ya 2005 na 2010 bikomeza kwiyongera ntaguhagarara. Imyaka ya nyayo y'inkingo ariko yatangiye kugabanuka guhera 2015


## Uko izamuka ry'inkingira ryagenze



## d. Iyipimo byerekeye imirire no konsa, ndetse n'urugero rw'amaraso ku bana n'abagore

Ugereranije, abana bose bavutse mu myaka ibiri ishize mbere y'ibarura bonkejwe mu isaha ya mbere nyuma yo kuvuka bari 85% naho 97% bonkejwe muri uwo munsu bavutsemwo.

### Ijanisha ku bana bavutse mu myaka ibiri yabanjirije ibarura



- Abonkejwe
- Abonkejwe mu isaha ya mbere
- Abonkejwe mu munsu 1

Bitegetswe ko abana bonswa mu gihe cy'amezi 6 nta kindi bafata uretse amashereka. Mu Rwanda, 81% by'abana bari munsu y'amezi atandatu baronkejwe gusa.

### Ijanisha ku bana bonkejwe gusa mu mezi atandatu ya mbere nta kindi bahawe




- Abonkejwe ukwezi kumwe
- Abonkejwe hagati y'amezi 2 na 3
- Abonkejwe hagati y'amezi 3 na 4
- Abonkejwe hagati y'amezi 5 na 6
- Abonkejwe kuva bakivuka kugeza amezi 6

Muri rusange, abana bafite hagati y'amezi 6 ariko batarageza ku mezi 60 bari bafite urugero ruto rw'amaraso rwa 37%.

## Urugero ruto rw' amaraso mu bana


Ijanisha kubana bafite amezi 6 na 59 bafite urugero ruto rw'amaraso



Turebeye mu ntara, urugero ruto rw'amaraso rwagaragaye hagati ya 32% mu ntara y'amajyepfo na 41% muntara y'iburengerazuba n'amajyaruguru.

## Urugero ruto rw'amaraso mubana mu ntara


Percent of children age 6-59 months with any anemia



Abagore 13% byagaragaye ko nabo bafite urugero ruto rw'amaraso.

## Urugero rw'amaraso mu bagore

Ijanisha kubagore bafite imyaka 15 na 49 bafite urugero ruto rw'amaraso




Mu mahugurwa y' ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima, twigishije abize laboratoire uko bapima uburebure n'ibiro by'abana n'abakuru mu buryo bwa gihanga.

Igwingira rero ni igipimo kigaragaza imirire mibi bya burundu.

Mu Rwanda, byagaragaye ko abana 33% bagwingiye bya burundu. Ibindi bice by'imirire mibi nabyo byagaragajwe ariko byo nibura witaye ku mirire bishobora guhinduka mu buryo bworoshye, nkaho abana 6% bafite umubyibuho ukabije. Niyo mpamvu dushyira mu Kinyarwanda gusa kugwingira (Stunting) no kubyibuha bikabije (obesity) ngo abantu bose babashe kubukurikirana.

## Uko imirire y'abana ihagaze mu Rwanda


Ijanisha kubana bari muni y'imyaka 5, bashingiye kuri 2006 guidelines za WHO



Igwingira ry'abana ryiganje cyane mu ntara y'amajyaruguru (41%) rikaba rike mu mujyi wa Kigali (21%).


### Igwingira mu ntara

Ijanisha kubana bagwingiye dushingiye kuri WHO 2006 standari z'imikurire



## e. Iyipimo byerekeye malaria, igituntu na sida


Ubushakashatsi bwagaragaje ko gutunga Inzitiramibu Iteye umuti (ITN) bigenda byiyongera bikurikije icyiciro cy'ubudehe cyangwa se dukurikije uko ubutunzi bugenda bwiyongera. 46% bo mu cyiciro cy'abakene nibwo batunze inzitiramibu iteye umuti, mu gihe 82% bo mu byiciro by'abakire aribo batunze inzitiramibu ziteye umuti (ITN).




Iyo turebeye mu ntara z'igihugu, intara y'iburasirazuba niyo ifite ingo nke zifite inzitiramibu iteye umuti (59%) mu gihe umujyi wa Kigali ariwo ufite ingo nyinshi zifite inzitiramibu iteye umuti (86%).

### Inzitiramibu ziteye umuti mu ntara


Ijanisha kungu zifite inzitiramibu nibura 1 iteye umuti



Ikoreshwa ry'Inzitiramibu ziteye umuti ku bana bari muni y'imyaka itanu n'abagore batwite ryagiye rigabanuka kuva muri 2013 (Abana n'abagore bari baraye munzitiramibu mu ijoro ribanziriza umunsi w'ibarura).





Hakoreshejwe ibipimo byihuta (Rapid Test), malaria yari 3% mu banyarwanda, hakoreshwa uburyo bwo gupima Malaria bwa mikorosikope (Microscopy), malaria yari 1%.




78% by'abagore na 64% by'abagabo bose bafite imyaka 15 kugeza 49 bigeze kwipimisha ubwandu bwa virusi itera SIDA ndetse bahabwa n'ibisubizo, mu gihe 36% by'abagore na 30% by'abagabo bo muri icyo myaka aribo bipimishije mu mezi 12 ashize abanziriza ibarura.

#### Ijanisha ku bagore bafite hagati y'imyaka 15 na 49



86% by'abagore batwite bapimwe virusi itera SIDA kandi bahabwa ibisubizo mu gihe bajyaga gusuzumisha inda.

#### Ijanisha ku bagore bari batwite mu myaka ibiri ishize, bari bafite hagati y'imyaka 15 na 49 bipimishije SIDA nyuma yo kubihabwaho inama kandi bahabwa ibisubizo




Muri rusange, 56% by'abagabo mu Rwanda barasiramuye, abo mu mijyi cyane cyane kurusha mu byaro.

Tugereraniye, ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima bwerekanye ko 68% by'abagore n'abagabo bafite imyaka 15 kugeza 49 bazi indwara y'igituntu ko ibaho; bazi ko ishobora kwanduzwa umuntu ku wundi mu

gihe akoroye, yitsamuye, avuze. Ibi bizwi cyane n'abatuye imijyi kurusha ibice by'icyaro.

**Ijanisha ry'abagabo basiramuye bafite hagati y'imyaka 15 na 49**



**f. Iyipimo byerekeye ihohoterwa, ubumuga n'amashuri y'inshuke**

Abagore 37% n'abagabo 30% bahuye n'ihohoterwa ryo gukubitwa kuva bagira hafi imyaka 15. Ni mu gihe abagore bangana na 23% n'abagabo bangana na 6% bahuye nihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ubushakashatsi bwongeye kwerekana ko 46% by'abagore bashatse na 18% by'abagabo bashatse, bahuye na rimwe mu ihohoterwa ritandukanye, ryaba gukubitwa, irishingiye ku gitsina cyangwa irishingiye ku mitekerezeho yo mu mutwe. Ikindi cyagaragaye nuko 43% by'abagore na 40% by'abagabo bahuye n'iryo hohoterwa ritandukanye bashatse ubufasha.

Ubushakashatsi bwerekanye ko 84% by'abagore bashatse, bari bafite akazi umwaka ushize ubanziriza ibarura. 21% by'abagore na 36% by'abagabo bari bafite konte muri banki.


65% by'abagore na 39% by'abagabo bemeje ko bikwiye ko umugore yakubitwa mu gihe biri ngombwa cyangwa bifite igisobanuro.

Ubushakashatsi bwerekanye ko hafi ingo 6% zifite umuntu ufite nibura bumwe mu bumuga bwose bwari bwabajijweho. Bwerekanye ko hafi abana 24% bafite amezi 24 kugeza kuri 59 bari baratangiye kwiga amashuri y'inshuke.

**g. Iyipimo byerekeye kwitaba imana (impfu)**

Ubushakashatsi bwagaragaje ko hari impfu 45 ku mbyaro igihumbi (1000) ziba zavutse ari nzima mu Rwanda. Abapfa cyane ni abiganjemo abana bakiri bato.



**Impfu z'abana bataruzuzwa imyaka itanu**



- Abapfa bataramara ukwezi
- Abapfa bamaze ukwezi bataragira umwaka
- Abapfa bose bataruzuzwa umwaka
- Abapfa bamaze umwaka bataruzuzwa imyaka 5
- Abapfa bose bataruzuzwa imyaka 5

Impfu z'abana bato ndetse n'impfu z'abana bataruzuzwa imyaka itanu ziri hejuru ho gato mu cyaro ugereranyije no mu bice by'imijyi.

**Impfu z'abana bataruzuzwa imyaka itanu, hakurikijwe imiturire**




- Abapfa bataruzuzwa umwaka
- Abapfa mbere yo kuzuzwa imyaka itanu

Impfu z'abana bataruzuzwa imyaka itanu n'abataruzuzwa ukwezi kumwe bavutse zagiye zigabanuka kuva mu mwaka wa 2000 na 2015. Ariko uhereye muri 2015, impfu z'abana zisa nkizahindaguritse byaba kwiyongera cyangwa kugabanuka.

## Uko impfu z'abana zagiye zigabanuka

Uko impfu z'abana zagiye zigabanuka guhera 1992 kugeza 2020  
RDHS : Ubushakashatsi kumibereho nubuzima mu Rwanda



Ubushakashatsi bwagaragaje ko ikigereranyo cy'abagore bapfa babyara cyangwa bapfuye bivuye ku mpamvu zo gutwita no kubara bari 203 (Ratio) ugereranije n'imbyaro ibihumbi ijana zavutse ari nzima (100,000 livebirths).

Mu gusozu, ubushakashatsi bwa gatandatu ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje ibipimo cumi na birindwi bijyanye n'intego z'iterambere rirambye zashyizweho n'umuryango w'abibumbye.